**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**Kayonza, kuwa 09/07/2020**

**No……266……/07.05.04**

**INTARA Y'IBURASIRAZUBA**
**AKARERE KA KAYONZA**
**P.O.BOX 03 RWAMAGANA**
kayonzadistrict@minaloc.gov.rw

Kayonza District
Reception Mayor's Office
Date……9/7/20
Signature……

**Bwana Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba**
**RWAMAGANA**

**IMPAMVU**: Kohereza Imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka **KAYONZA**

**Bwana Guverineri,**

Nejejwe no kubandikira ngirango mbagezeho Imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Kayonza yateranye tariki ya 30/06/2020.

Mugire amahoro.

**MUKAMUYENZI Valentine**
Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka **KAYONZA**

**Bimenyeshejwe:**

- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
  **KIGALI**
- Bwana Umuyobozi w'Akarere ka
  **KAYONZA**

# IMYANZURO Y'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KAYONZA YO KUWA 30/06/2020

Inama yatangiye saa yine za mugitondo (10h00), ibera ku cyicaro cy'Akarere ka Kayonza mu cyumba kinini cy'inama, iyoborwa n'Umuyobozi w'Inama Njyanama Madamu **MUKAMUYENZI Valentine**.

Ubwitabire bwari Abajyanama makumyabiri na batatu kuri makumyabiri na batandatu (23/26) bagize Inama Njyanama, bahwanye na 88,4% by'ubwitabire.

**ABAJYANAMA BATITABIRIYE INAMA N'IMPAMVU**

1. Bwana ZIGIRA Alphonse: V/P w'Inama Njyanama, yagize impamvu z'akazi kandi yari yabimenyesheje mbere Umuyobozi w'inama;

2. Bwana MUTANGANA Eugene: Umuyobozi wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu, yagize impamvu z'akazi, yasabye uruhushya mbere Umuyobozi w'inama nawe yarumwemereye;

3. Bwana MWISENEZA J.Claude: Umunyamabanga wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu, yagize impamvu z'akazi, yasabye uruhushya mbere Umuyobozi w'inama kandi yarumwemereye.

**ABANDI BARI BATUMIWE MURI IYI NAMA:**

- Abagize inzego z'Umutekano;
- Intumwa yaturutse muri MINECOFIN Bwana ASIIMWE Geoffrey;
- Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Kayonza;
- Abayobozi b'amashami mu Karere ka Kayonza;
- Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge igize Akarere ka Kayonza.

Atangiza inama, Umuyobozi wayo yahaye ikaze abitabiriye bose, nkuko bisanzwe inama itangizwa no kuririmba indirimbo yubahiriza Igihugu cyacu, nyuma Umuyobozi wayo ageza ku bari mu nama ingingo zari buganirweho ziri ku butumire bw'inama, anasaba Abajyanama ko niba hari uwagira indi ngingo yumva yihutirwa ko yayivuga, Abajyanama bayemeza nayo ikaganirwaho.

Abajyanama bemeje ingingo ebyiri zishyirwa mu byigwa mu bindi, maze ingingo ziganirwaho ziba izi zikurikira:

1. Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo kuwa 07/03/202 no kureba ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro yafatiwemo;

2. Kugezwaho ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo y'Akarere n'ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari ya 2019/2020;



2

Ql.

3. Kugezwaho ibikorwa biteganijwe n'imari izabigendaho mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2020/2021, urutonde rw'ibiciro ngenderwaho mu gusoresha mu Karere (Tariff) na gahunda y'itangwa ry'amasoko mu Karere (Procurement Plan) no kuyemeza;

4. Gusuzuma igishushanyombonera cy'Umujyi wa Kayonza;

5. Gusuzuma raporo za Komisiyo z'Inama Njyanama na Komite Ngenzuzi;

6. Ibindi:

- Kuzuza imyanya y'abagize Inama y'Ubuyobozi (board) y'Ibitaro by'Akarere bya Gahini;
- Kugezwaho no gufata umwanzuro ku mabaruwa yandikiwe Akarere yifuzwa ko Inama Njyanama yafataho umwanzuro.

❖ **KWIGA INGINGO KU YINDI**

➢ **INGINGO YA MBERE: Gusoma no kwemeza Inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo kuwa 07/03/2020 no kureba ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro yafatiwemo**

**UMWANZURO WA 1**

Abari mu nama bagejejweho inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo kuwa 07/03/2020, Abajyanama bayunguranaho ibitekerezo, bayikorera ubugororangingo maze barayemeza ku bwumvikane busesuye.

Abajyanama bagejejweho n'Umuyobozi w'Akarere uko imyanzuro yafatiwe mu nama iheruka y'Inama Njyanama yo kuwa 07/03/2020 yashyizwe mu bikorwa, Abajyanama bishimira igipimo iyo myanzuro yashyizweho mu bikorwa, basaba abagize Komite Nyobozi y'Akarere gukomeza gushyira mu bikorwa imyanzuro itararangira nko k'umwanzuro wa munani wasabaga ko Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage azakurikirana ishyirwa mu bikorwa ryo kwishyuza abaturage babereyemo umwenda Ibitaro by'Akarere bya Rwinkwavu amafaranga angana na Miliyoni ijana na mirongo icyenda (190.000.000 Frw) n'ubu icyo gikorwa kikaba kitararangira.

Inama Njyanama ikaba yasabye Umuyobozi w'Akarere ko bitarenze igihe kingana n' ibyumweru bibiri (2weeks) uhereye none kuwa 30/06/2020, (ni ukuvuga bitarenze kuwa 14/07/2020), ko bakora raporo igaragaza abaturage barimo umwenda w'Ibitaro bamaze kwishyura, abatarishyura n'abadafite ubushobozi bwo kuzishyura, maze raporo izagezwe mu biro by'Inama Njyanama bitarenze igihe cyavuzwe haruguru, Umukozi ushinzwe imirimo y'Inama Njyanama nawe azageze iyo raporo kuri Komisiyo y'Iterambere ry'Imibereho Myiza, izakurikirana uko ibyo bikorwa byo kwishyura bikorwa, isesengure imbogamizi zabayemo, iyo Komisiyo ijye inama ihereye ku



Q.  a

murongo Inama Njyanama yari yatanze, izageze ku nama y'Abaperezida yo mu kwezi kwa Nyakanga/2020 uko bimeze.

- **INGINGO YA KABIRI: Kugezwaho ishyirwa mu bikorwa ry'Imihigo y'Akarere n'ishyirwa mu bikorwa ry'Ingengo y'Imari ya 2019/2020**

Umuyobozi w'Akarere yagejeje ku bari mu nama ko Imihigo y'Akarere 2019/2020 yashyizwe mu bikorwa ku gipimo cya 92%, agaragaza imbogamizi zatumye Imihigo imwe n'imwe itarasojwe 100%, hakaba hari n'indi mike itarashyizwe mu bikorwa kugeza ubu, bitewe n'ingamba zo kwirinda icyorezo cya COVID 19 cyane cyane ku mihigo yagombaga guhuza abantu benshi nk'Umuhigo w'Imurikabikorwa ry'abafatanyabikorwa (Open day), Siporo rusange n'ibindi bikeneye ubukangurambaga byateranyije abantu.

- Imihigo yo mu nkingi y'Iterambere ry'Imibereho Myiza yashyizwe mu bikorwa ku gipimo cya 91%;
- Imihigo yo mu nkingi y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yashyizwe mu bikorwa ku gipimo cya 96%;
- Imihigo yo mu nkingi y'Imiyoborere Myiza yashyizwe mu bikorwa ku gipimo cya 85%.

Kubera impamvu zitandukanye harimo no kubahiriza amabwiriza yo kwirinda kwandura cyangwa gukwirakwiza icyorezo cya COVID 19, Inama Njyanama yagiye inama ko Imihigo itarasoje yakomeza gushyirwa mu bikorwa mu mwaka w'Ingengo y'Imari ukurikira (2020/2021), amafaranga yimukanywe kuribyo bikorwa bitasoje akabisoza nibura bitarenze ukwezi kwa Nyakanga/2020.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere yagejeje ku bari mu nama uko ingengo y'Imari ya 2019/2020 yakoreshejwe, aho iyo ngengo y'Imari ingana n'amafaranga Miliyari cumi n'esheshatu, Miliyoni Magana atatu na mirongo itanu n'atandatu, Ibihumbi mirongo itanu na birindwi na Magana atatu cumi n'arindwi (16.356.057.317Frw) harakoreshejwe amafaranga angana na Miliyari cumi n'enye, Miliyoni mirongo irindwi n'eshatu, Ibihumbi Magana arindwi n'umunani na Magana atanu mirongo inani n'arindwi (14.073.708.587Frw) bihwanye na 86% by'ikoresha ry'Ingengo y'Imari ya 2019/2020.

Abari mu nama bunguranye ibitekerezo kubyo bari bamaze kugezwaho, basanga ko kuba ikoreshwa ry'Ingengo y'Imari ya 2019/2020 igipimo kiri hasi, ko impamvu zimwe zizwi kandi zinafitanye isano n'igipimo cy'ibikorwa byari biteganijwe muri uyu mwaka w'Ingengo y'Imari, nko gushyira mu bikorwa ingamba zo kwirinda icyorezo cya COVID 19, maze Inama Njyanama ifata umwanzuro ukurikira:



9. 2

**UMWANZURO WA 2**

Inama Njyanama yasabye Umunyamabanga Nshingwabikorwa kuzongera muri raporo y'ikoreshwa ry'Ingengo y'Imari ibisobanuro bigaragaza ingaruka zatumye igipimo cy'ikoreshwa ry'Ingengo y'Imari yo mu mwaka wa 2019/2020 ikiri hasi, ingaruka zatewe no kwirinda icyorezo cya COVID 19, n'ingaruka zaturutse ku zindi mpamvu kandi zumvikana nazo zigaragazwe muri iyo raporo.

Inama Njyanama kandi yasabye intumwa yaturutse muri MINECOFIN ko yazagaragaza muri Minisiteri y'Igenamigambi ikibazo cyo gutinda gushyira abakozi mu myanya (Process ya recruitment), aho usanga hari n'amafaranga atarakoreshejwe yagenewe abakozi batashyizwe muriyo myanya kandi bari bakenewe, byarateganyijwe mu ngengo y'imari, bikaba bikunze kugaragara mu burezi ndetse no mu buzima, Inama Njyanama isaba ko inzego bireba bajya bihutisha ibisabwa, abakozi bagashyirwa mu myanya, nibura mu itangira ry'amashuri abarimu bakenewe bakaba bahari.

- **INGINGO YA GATATU: Kugezwaho ibikorwa biteganijwe n'ingengo y'imari izabigendaho mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2020/2021, Urutonde rw'ibiciro ngenderwaho mu gusoresha mu Karere (Tariff) na gahunda y'itangwa ry'amasoko (Procurement Plan)**

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere yagejeje ku bari mu nama ibikorwa biteganije gukorwa mu mwaka w'Ingengo y'Imari wa ya 2020/2021, aho amafaranga azakoreshwa azaturuka n'umubare wayo uko ugiye uteganijwe kuri buri gikorwa. Yagaragaje kandi ibiciro bizagenderwaho mu gusoresha mu Karere (Own Revenues) na gahunda y'itangwa ry'amasoko (Procurement Plan). Amafaranga ateganijwe ku mwaka w'Ingengo y'Imari wa 2020/2021 ahwanye na Miliyari cumi n'icyenda, Miliyoni Magana cyenda na makumyabiri n'imwe, Ibihumbi Magana arindwi makumyabiri n'ane na Magana abiri mirongo itandatu na rimwe (19.921.724.261 Frw), naho ibikorwa biteganijwe bikaba bizagendaho amafaranga ku buryo bukurikira:

Ibikorwa biri mu Nkingi y'Iterambere ry'Imibereho Myiza y'Abaturage biteganijwe kuzakorwa n'amafaranga angana na Miliyari cumi n'eshanu, Miliyoni makumyabiri n'ebyiri, Ibihumbi cumi na bitandatu na Magana ane mirongo itanu na rimwe (15.022.016.451Frw) bihwanye na 74% y'amafaranga yose y'Ingengo y'Imari;

Ibikorwa biteganijwe mu Nkingi y'Imiyoborere Myiza bizakorwa n'amafaranga angana na Miliyari eshatu, Miliyoni Magana abiri n'etatu, Ibihumbi ijana na mirongo itatu na bine na Magana arindwi mirongo inani (3.203.134.780 Frw) ahwanye na 16% y'amafaranga yose y'Ingengo y'Imari;

Mu nkingi y'Iterambere ry'Ubukungu hateganijwe ibikorwa bizakoreshwa n'amafaranga angana na Miliyari ebyiri, Miliyoni ijana na mirongo itandatu n'icyenda, Ibihumbi Magana abiri na mirongo ine na bibiri na Magana cyenda mirongo inani n'atanu (2.169.242.985 Frw) ahwanye na 10% y'amafaranga yose ateganijwe ku Ngengo y'Imari ya 2020/2021.

Abari mu nama bunguranye ibitekerezo kubyo bari bamaze kugezwaho, Abajyanama bakora ubusesenguzi kubyo bari bamaze kugezwaho n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa, maze Inama Njyanama ifata umwanzuro ukurikira:

**UMWANZURO WA 3**

Inama Njyanama yemeje ko gahunda yo gutanga amasoko yarangirana n'igihembwe cya mbere nk'uko Inama Njyanama iterana yemeza ingengo y'imari ikunze kubijyaho inama, maze amasoko yose ateganijwe muri uyu mwaka w'Ingengo y'Imari wa 2020/2021 agatangira gutangwa mu kwezi kwa Nyakanga/2020, bitarenze ukwezi kwa Nzei/2020, amasoko yose akazaba yarangiye. Inama Njyanama yasabye ko n'ibikorwa byo mu bukangurambaga (urugero nka gahunda y'ejo heza, MUSA n'ibindi) byatangira gushyirwa mu bikorwa, igihembwe cya mbere kikazagaragaza ishusho y'uko bihagaze, imbogamizi zirimo, n'ingamba zikenewe kongerwamo.

Kuri Tariff y'imisoro y'Akarere 2020/2021 yari imaze kugaragazwa, Abajyanama bo mu Murenge wa Kabarondo bagaragaje ikibazo Abaturage babagejejeho cyo gusoreshwa nk'abatuye mu mujyi (nk'abari muri Master Plan) bakaba baratangiye kubyinubira bavuga ko Imidugudu batuyemo itaragerwamo n'ibikorwa remezo nk'uko itegeko ribiteganya, basaba ko byasuzumwa neza, Inama Njyanama ikabifataho umwanzuro.

Nyuma yo kuganira kuri iki kibazo, Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi y'Akarere ko abakozi b'Akarere mu ishami ry'Ubutaka, ku bufatanye na Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu n'Iy'Imiyoborere Myiza, hazakorwa ubusesenguzi kuriyo midugudu ivugwa i Kabarondo yashyizwe mu gishushanyo mbonera cy'Umujyi ikaba itarageramo ibikorwa remezo, kimwe n'ahandi nko mu Mujyi wa Kayonza naho hasabwa gukurikiza itegeko rigena imisoro ku butaka buri mu Mujyi wenda hataragera ibikorwa remezo bigenwa n'itegeko, maze Imidugudu yagaragayemo icyo kibazo ikazakorerwa urutonde rugashyikirizwa vuba Inama y'Abaperezida maze Inama Njyanama ikazabifataho umwanzuro mu nama itaha, mu ngengo y'Imari Ivuguruye (Budget revision 2020/2021), Tariff ikazasuzuma hitawe ku midugudu izaba yagaragajwe, bikanashyikirizwa Rwanda Revenue Authority (RRA).

Inama Njyanama ariko yasabye Komite Nyobozi ko nubwo ibyo byose byakorwa hakenwe gusobanurira Abaturage ku bijyanye n'imiturire, Inama Njyanama isaba Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu n'iy'Imiyoborere Myiza, nk'uko biri mu nshingano z'Inama Njyanama gusobanurira abaturage gahunda za Leta, kuzasobanurira Abaturage ibijyanye n'itegeko rishya ry'umusoro ku mutungo utimukanwa, n'impinduka mu iterambere ry'Imijyi, no kwemera kugendana n'izo mpinduka, Abaturage bagasobanurirwa gukurikiza ibisabwa, ufite imbogamizi akegera ubuyobozi bumwegereye kugirango agirwe inama y'icyakorwa.



q.  2

Ku bijyanye n'Ingengo y'Imari y'umwaka dusoje, Inama Njyanama yasabye Umunyamabanga Nshingwabikorwa gukora raporo igaragaza umubare w'amafaranga yasigaye mu mwaka w'Ingengo y'Imari wa 2019/2020, hanasobanurwe impamvu yasigaye, icyo yari ateganirijwe gukora umwaka turangije n'icyo agiye gukoreshwa mu mwaka dutangiye.

Abari mu nama bamaze kungurana ibitekerezo ku bikorwa bizakorwa mu Karere ka Kayonza n'amafaranga azabigendaho mu mwaka w'Ingengo y'Imari 2020/2021 no kumva inama Abajyanama b'Akarere batanze, Inama Njyanama yafashe umwanzuro ukurikira:

**UMWANZURO WA 4**

Bashingiye ku Itegeko Ngenga No 12/2013/OL ryo kuwa 12/09/2013 ryerekeye Imari n'Umutungo bya Leta;

Bashingiye ku itegeko No 59/2011 ryo kuwa 31/12/2011 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu kandi rigasimburwa n'itegeko No 75/2018 ryo kuwa 07/09/2018 rishyiraho inkomoko y'Imari n'Umutungo by'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage, imikoreshereze yabyo cyane cyane mu ngingo yaryo ya 4, iya 5, iya 57, iya 61, iya 63 n'iya 65;

Bashingiye ku itegeko No 87/2013 ryo kuwa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'Igihugu zegerejwe abaturage;

Bashingiye ku itegeko rya Minisitiri No 002/07.01 ryo kuwa 02/07/2015 rigena Amategeko Ngengamikorere y'Inama Njyanama y'Inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe Abaturage,

None, kuwa 30/06/2020, inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Kayonza yemeje Ingengo y'Imari y'Akarere ka Kayonza ingana na Miliyari cumi n'icyenda, Miliyoni Magana cyenda makumyabiri n'imwe, Ibihumbi Magana arindwi makumyabiri na bine na Magana abiri mirongo itandatu na rimwe (19.921.724.261Frw), urutonde rw'ibiciro ngenderwaho mu gusoresha (Tariff) na gahunda y'itangwa ry'amasoko (Procurement Plan), maze nyuma yo kwemezwa n'Inama Njyanama y'Akarere ka Kayonza kuri uyu munsi wo kuwa 30/06/2020, Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Kayonza, Madamu MUKAMUYENZI Valentine hamwe n'Umunyamabanga w'Inama Njyanama Madamu MUSABYEMARIYA Thérèse bashyiraho umukono.

- **INGINGO YA 4: Gusuzuma Igishushanyo mbonera cy'Umujyi wa Kayonza**

Kuri iyi ngingo, Inama Njyanama yaganiriye ku bikorwa remezo n'ibikorwa rusange byari biteganyijwe mu gishushanyo mbonera cy'Umujyi wa Kayonza kirimo kuvugururwa ubu, cyane cyane hashingiwe ku bibazo by'ubutaka byagiye bigaragazwa n'Abaturage batuye mu Murenge wa Mukarange, aho ibyo bikorwa byari biteganyijwe kujya Abaturage bahafite imitungo batemerewe kugira icyo bahakorera kandi bakaba bamaze igihe kinini bategereje kwimurwa



9.                                   2

cyangwa guhabwa uburenganzira bwo gukoresha ubutaka bwabo, nyuma yo gusaba Komisiyo y'Ubukungu gusuzuma ibyo bibazo byagaragazwaga n'Abaturage, hashingiwe kandi ku busabe bwa Komite Nyobozi na raporo igaragaza ibikorwa byari biteganyijwe ku gishushanyo mbonera cy'Umujyi wa Kayonza kirimo kuvugururwa ubu bitagikenewe, aho usanga hari ubutaka bw'Abaturage bugaragazwa ku gishushanyo mbonera nk'ubwagenewe kubakwaho ibiro by'Akarere, Amashuri, Ibitaro, Farumasi y'Akarere n'ubutaka bwiswe ubwizigame "Reserved" ariko nta bikorwa byahateganyijwe;

Nyuma yo gusura ubwo butaka aho ibyo bikorwa byari biteganyijwe kujya no kubyumvikanaho n'itsinda ryoherejwe na Rwanda Housing Authority (RHA) ko bitagikenewe nk'uko bigaragazwa muri raporo ya Komite Nyobozi;

Abari mu nama babyunguranyeho ibitekerezo basanga Ibitaro by'Akarere mu murenge wa Mukarange ubu bitagikenewe cyane ko hegereye Ibitaro by'Akarere bya Gahini ndetse n'ibya Rwinkwavu byombi biri mu Karere ka Kayonza, bikaba byaba bitanari kure y'Ibitaro bindi biri mu Turere duhana imbibe n'Akarere ka Kayonza, nka Rwamagana (Rwamagana Hospital) ndetse n'ibiri mu Karere ka Ngoma (Kihungo Hospital);

Abajyanama b'Akarere ka Kayonza bashingiye kuri raporo yakozwe n'abatekinisiye b'Akarere bafatanije n'abakozi ba Rwanda Housing Authority (RHA) nyuma y'uko basuye aho hantu bagasanga ibyemezo byari byafashwe bitagifite agaciro;

Bashingiye kandi ku bisobanuro bahawe n'Umuyobozi w'Akarere ugaragaza ubusabe bw'Abaturage n'igihombo kudakoresha ubutaka bwabo byabateje, Inama Njyanama yafashe umwanzuro ukurikira:

**UMWANZURO WA 5**

Inama Njyanama yemeje ko Abaturage batuye mu Karere ka Kayonza, Umurenge wa Mukarange Akagari ka Kayonza, Akagari ka Nyagatovu n'Akagari ka Bwiza bari barabujijwe gukoresha ubutaka bwabo kubera ibyari biteganijwe gukorerwamo ubu bitagikenewe nk'uko byasobanuwe haruguru, bakwemererwa gukoresha ubutaka bwabo, maze Inama Njyanama isaba Ubuyobozi bw'Akarere kuzamenyesha abo baturage bireba no kuzakurikirana uko bazakoresha ubwo butaka bitanyuranyije n'itegeko, hibanzwe ku biteganywa mu Mujyi wa Kayonza haba ku miturire, ibikorwa remezo n'ibindi bikorwa by'ingenzi biteganywa mu gishushanyo mbonera kirimo gutegurwa, Inama Njyanama yanasabye ko Igishushanyo mbonera cy'Umujyi wa Kayonza kirimo gutegurwa cyihutishwa, n'inyigo y'inyubako y'Umurenge wa Mukarange iteganywa mu ngengo y'Imari ivuguruye (Budget revision) ya 2020-2021.

- **INGINGO YA GATANU: Gusuzumira hamwe raporo za Komisiyo z'Inama Njyanama na Komite Ngenzuzi**

Abari mu nama bagejejweho n'Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere urwandiko Umuyobozi w'Inama y'Igihugu y'Abagore yandikiye Komite Nyobozi y'Akarere ka Kayonza akagenera kopi Inama Njyanama, urwo rwandiko rukaba rwari rukubiyemo ubusabe bw'uko Inama y'Igihugu y'Abagore mu Karere ka Kayonza bakwegurirwa imitungo y'Abagore irimo inyubako ziri mu mirenge imwe n'imwe igize Akarere ka Kayonza, kugeza ubu iyo mitungo ikaba ibaruye nk'umutungo w'Akarere;

Nyuma yo gusuzumirwa muri Komisiyo y'Imari n'Iterembere ry'Ubukungu bikaganirwaho mu nama y'Abaperezida yateranye kuwa 28/06/2020, kandi bigasobanurwa n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu muri iyi nama, nk'uko kandi bigaragzwa mu ibaruwa Umuyobozi w'Akarere yandikiye Inama Njyanama asaba ko iyo mitungo y'Inama y'Igihugu y'abagore yabandikwaho, abari mu nama bunguranye ibitekerezo kubyo bari bamaze kugezwaho, Inama Njyanama ifata umwanzuro ukurikira:

**UMWANZURO WA 6**

Inama Njyanama yasanze icyifuzo cy'Inama y'Igihugu y'Abagore gifite ishingiro, isaba ko Imitungo y'Abagore igarara hirya no hino mu mirenge yabarurwa yose, ibyangombwa byayo (UPI) bigasuzumwa koko ko byose byanditse ku Karere, nta nindi mbogamizi irimo, raporo yabyo ikazaganirwaho no muri Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu n'Inama y'Igihugu y'Abagore, maze Akarere ka Kayonza kakazashyikiriza iyo mitungo Inama y'Igihugu y'Abagore, bakazanafashwa no guhinduza ibyangombwa byayo.

Inama Njyanama kandi yasabye n'indi mitungo yanditse ku Karere irimo n'amazu ashaje ko yakorerwa raporo, hanagaragazwa ibyakorwa kuriyo mitungo, bikazashyikirizwa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu, maze mu Nama Njyanama itaha nabyo bikazasuzumwa.

Ku bijyanye n'ubusabe bw'umuturage witwa SHAMI MUGISHA wo mu Karere ka Kayonza, Umurenge wa Gahini, ufite Campany yitwa Tropical Farms Ltd, ushaka guhinga igihingwa cyitwa MACADAMIA, ariko ubutaka ashaka guteraho icyo gihingwa bukaba bwari bwagenewe ubworozi bw'amatungo (Urwuri/farm), uwo muturage akaba yaranditse asaba Akarere ko bamuhindurira icyangombwa cy'ubutaka (UPI) cyari cyanditseho ubworozi bakacyita icy'ubuhinzi, byaganiriwe Inama Nyanama ifata umwanzuro Ukurikira:

**UMWANZURO WA 7**

Inama Njyanama imaze kumva ibisobanuro bya Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu n'iby'Umuyobozi w'Akarere ku busabe buvuzwe haruguru, abari mu nama bashyigikiye icyemezo cya Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yagaragaza ko nta mpamvu yo guhindura ubwo butaka bwagenewe ubworozi kuko gutera ibiti ku butaka bwagenewe ubworozi bitabangamira

ubworozi, abari mu nama bajya inama ko Macadamia yifuza zaterwa zifite n'akamaro ku matungo, urwuri rukaba rwakomeza kuhaba hatabayeho guhindura inyito y'icyo ubwo butaka bwagenewe. Maze Inama Njyanama yemeza ko uwasabye yasobanurirwa ko yemerewe gutera ibyo biti bya Macadamia kuri ubwo butaka, akazakomeza no kwororeramo, Inama Njyanama isaba ko Akarere kazakurikirana uko abikora kandi akagirwa inama, yazahingamo ibindi binyuranye n'icyo yasabye, uwo muturage akaba yabihanirwa harimo no kuba yakwamburwa ubwo butaka bugashyirwa mu maboko ya Leta.

- **INGINGO YA GATANDATU: Ibindi**

- **Kuzuza umubare w'abagize Inama y'Ubuyobozi y'Ibitaro by'Akarere bya Gahini**

**UMWANZURO WA 8**

Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage yagejeje ku Nama Njyanama ubusabe bwo kuzuza board y'Ibitaro by'Akarere bya Gahini, kuko Bwana MUGIRANEZA Thiery wari muri iyo board ahagarariye Akarere atakiri umukozi w'Akarere ka Kayonza, none ubu Akarere kakaba kadahagarariwe mu Nama y'Ubuyobozi y'Ibitaro bya Gahini. Inama Njyanama yemeza ko Bwana MUNYENSANGA Philbert asimbura Bwana MUGIRANEZA Thierry ku mwanya w'umukozi uhagarariye Akarere ka Kayonza mu Nama y'Ubuyobozi y'Ibitaro by'Akarere bya Gahini ku bwumvikane busesuye.

Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Imibereho Myiza amaze kugeza ku Nama Njyanama umushinga w'Umufatanyabikorwa wo kubaka ishuri "CINDI'S HOPE ACADEMY PROJECT" ry'icyitegererezo mu Karere ka Kayonza, mu Murenge wa Nyamirama, Akagari ka Musumba, Umudugudu wa Rusera, wamaze no kugura ubutaka azubakaho iryo shuri rigamije kuzamura imyigire y'abana batuye ako gace harimo no gufasha mu myigire abana batuye mu mudugudu wa Rusera, uwo mufatanyabikorwa arifuza ko yakwemererwa kubaka iryo shuri rizaba ririmo amashuri y'incuke, abanza n'ayisumbuye, Ibibuga by'imikino, Inzu y'imyidagaduro n'amacumbi (Guest house).

Abari mu nama banyuzwe n'ibikorwa by'uwo mufatanyabikorwa bashingiye ku bisobanuro bahawe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe Imibereho Myiza, maze Inama Njyanama ifata umwanzuro ukurikira:

**UMWANZURO WA 9**

Inama Njyanama yashimye umushinga w'umufatanyabikorwa witwa "CINDI'S HOPE ACADEMY PROJECT" ugamije kubaka ishuri y'icyitegererezo ririmo ishuri ry'Inshuke, Abanza, Ayisumbuye, Inzu y'imyidagaduro n'amacumbi, maze Inama Njyanama yemeza ko uwo mushinga watangira gushyirwa mu bikorwa, Akarere kakazafasha umufatanyabikorwa kubona



9.

2

ibisabwa harimo no guhindura icyangombwa cy'ubutaka yaguze bukandikwaho ishuri (Education & Social Development Land).

Mu gihe imyanzuro y'Inana Njyanama yateranye uyu munsi kuwa 30/06/2020 izaba yamaze kusuzumwa, kwemezwa no gushyirwaho umukono n'Umuyobozi w'Intara nk'uko bigenwa n'Itegeko, Inama Njyanama yasabye abagize Komite Nyobozi y'Akarere ka Kayonza kuzashyira mu bikorwa ibikubiye mu myanzuro yafashwe muri iyi nama no gukurikiza inama zatanzwe.

Inama yasoje imirimo saa munani n'iminota mirongo itanu (14h:50), Umuyobozi wayo ashimira abitabiriye bose n'ibitekerezo byubaka Akarere buri wese yatanze, anasaba buri wese gukomeza kwirinda icyorezo cya COVID 19 banashishikariza Abaturage gukomeza kwirinda kuko icyorezo kikiriho.

**MUSABYEMARIYA Thérèse**

**Umwanditsi w'inama**

**MUKAMUYENZI Valentine**

**Umuyobozi w'inama**

**URUTONDE RW'ABAJYANAMA B'AKARERE KA KAYONZA BITABIRIYE INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA YO KU WA 30/06/2020**

| N0 | AMAZINA | UMURENGE YATOREWEMO | AHO ATUYE | ISAHA | GENDER | UMUKONO |
|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | GACINYA Faustin | MURAMA | KIGALI | 9h00 | ♂ | |
| 2 | GAKUMBA Geoffrey | RWINKWAVU | MUKARANGE | 9h00' | M | |
| 3 | GAKUMBA Robert | RWINKWAVU | KIGALI | 9h00' | M | |
| 4 | HAGENIMANA Emmanuel | RWINKWAVU | KIREHE | 9h00' | M | |
| 5 | HARERIMANA J Damascene | MWILI | MUKARANGE | 9h00 | M | |
| 6 | IRADUKUNDA Eugenie | MURUNDI | RUHANGO | 9h:00 | F | |
| 7 | KANAMUGIRE Pascal | RUKARA | RUKARA | 9h00 | M | |
| 8 | KARAMA Joseph | KABARE | KABARE | 9.00 | M | |
| 9 | KAYITANA Fred | MURUNDI | KIGALI | 11.h00 | ♂ | |
| 10 | MUKAKABANO Evelyne | RWINKWAVU | RWINKWAVU | 8h00 | F | |
| 11 | MUKAMUSONERA Dative | MUKARANGE | MUKARANGE | 9h00 | F | |
| 12 | MUKAMUSONI Angelique | GAHINI | GAHINI | 9h00 | F | |
| 13 | MUKAMUYENZI Valentine | NYAMIRAMA | MUKARANGE | 9 | F | |
| 14 | MUKANDAYISABYE Magreth | NDEGO | KIGALI | 9h00 | F | |
| 15 | MUKARUSAGARA Beata | RUKARA | RUKARA | 9h00' | F | |
| 16 | MUNGANYINKA Hope | KABARONDO | MUKARANGE | 9h00 | F | |
| 17 | MURENZI Jean Claude | GAHINI | MUKARANGE | 9'00 | M | |
| 18 | MUSABYEMARIYA Therese | RURAMIRA | KABARONDO | 9h00' | F | |
| 19 | MUSABYIMANA Anathalie | KABARONDO | KABARONDO | 9h00' | F | |
| 20 | MUTANGANA Eugene | NDEGO | KIGALI | | | |
| 21 | MWISENEZA Jean Claude | NYAMIRAMA | KIGALI | | | |
| 22 | MWISENEZA Safina | KABARE | KABARE | 9h00 | F | |
| 23 | NYANDWI Gilbert | RURAMIRA | GAHINI | 9h00' | M | |
| 24 | RUGIGANA Jean Bosco | KABARONDO | KABARONDO | 9h00' | M | |
| 25 | UDAHEMUKA Jean de Dieu | MUKARANGE | KIGALI | 9h00' | M | |
| 26 | ZIGIRA Alphonse | MURUNDI | KIGALI | | | |